# Magozwe

Lesley Koyi
Wiehan de Jager
Patrick Munyurangabo
5
Ikinyarwanda rw

Mu mugi uhuze wa Nairobi, kure yotwitwabwaho kumuntu murugo, habaga abahungu binzererezi/mayibobo. Bakiraga buri munsi uko uje. Igitondo kimwe, abahungu barimo kuzinga imisambi yabo nyuma yokuryama kuri sima zikonje. Kwirukana ubukonje batwitse imyanda. Muri gurupe y’abasore harimo Magozwe. Niwe wari umwana muto.

Ubwo ababyeyi ba Mugozwe bapfaga, yari afite imyaka itanu gusa. Yagiye kubana na nyirarume we. Uyu mugabo ndiyigeze yita ku umwana. Ntiyigeze aha Mugozwe ibiryo bihagije. Yakoreshaga umuhungu imirimo byinshi ikomeye.

Iyo Magozwe yijojotaga cyangwa ngo baze, nyirarume yaramukubitaga. Ubwo Magozwe yabazaga nimba yajya ku ishuli, nyirarume yaramukubise aranavuga, “Uri ikigoryi kumenya ikintu nakimwe.” Nyuma y’imyaka itatu Magozwe yahunze nyirarume. Yatangiye kuba ku umuhanda.

Ubuzima bw’umuhanda bwari bugoye na benshi mu abasore byari bibagoye kubona ibiryo buri munsi. Rimwe na rimwe, barahagarikwagwa (na police), rimwe na rimwe barakubitagwa. Iyo babaga barwaye, ntamuntu waruhari wo kubafasha. Igurupe yifashishaga amafaranga make yakuraga mu gusabiriza, no mukugurisha amaparasitiki nibindi. Ubuzima bwari bukomeye kurusha ho nokubera imirwano nandi magurupe yashakaga guyobora ibice by’umugi.

Umunsi umwe ubwo Magozwe yararimo areba mu indobo z'imyanda, yabonye igitabo k'inkuru gishaje cyacikaguritse. Yaragihanaguye agishyira mu agafuka ke. Buri munsi kuva ubwo yagikuragamo akareba amashusho. Ntiyarazi gusoma amagambo.

Amashusho yavugaga inkuru y’umuhungu wakuze kuba umutwazi w’indege (umupirote). Magozwe yarotaga yabaye umupirote. Rimwe na rimwe, yategerezaga ko ariwe muhungu mu inkuru.

Hari hakonje na Magozwe yari ahagaze kumuhanda asabiriza. Umugabo yaraje amusanga. “Bite, nitwa Tomasi. Nkora hafi aha, ahantu ushobora kugira icyo kurya,” Umugabo aravuga. Yatunze urutoki ku inzu y’umuhondo n’urusenge rw’ubururu. “Nizeye ko uribugeyo gufata ibiryo?” Yarabashije. Magozwe yarebye umugabo, nyuma areba inzu. “Bishoboke,” aravuga, ahita agenda.

Mu amezi yakurikiye, abahungu b'inzererezi bamenyereye kubona Tomasi aho. Yakundaga kuvugisha abantu ku mihanda. Tomasi yategaga amatwi inkuru z'ubuzima bw'abantu. Yari yikomereye anihanganye, nta bwirasi cyangwa se kubahuka. Abahungu bamwe batangiye kujya kunzu y'umuhondo n'usenge rw'ubururu gufata ibiryo hagati y'umunsi (saa sita).

Magozwe yari yicaye kuri sima areba amashusho ubwo Tomasi yicaraga kuruhande rwe. “Inkuru ijyanye niki?” Tomasi arabaza. “Ni k’umuhungu wabaye umupirote,” Magozwe yarasubije. “Ni irihe zina ry’umuhungu?” Tomasi arabaza. “Ntago mbizi, sinshobora gusoma,” Magozwe yaravuze bucece.

Ubwo bahuraga, Magozwe yatangiye kubwira Tomasi inkuru ye bwite. Yari inkuru ya nyirarume n’impanvu yahunze. Timasi ntiyavuze cyane, Ntiyigeze anabwira Magozwe icyo gukora ariko buri gihe yaramwunvise yitonze. Rimwe na rimwe baraganiraga bari kurya mu inzu y’urusenge rw’ubururu.

Hafi y’isabukuru ya cumi yamavuko ya Magozwe, Tomasi yamuhaye igitabo cy’inkuru gishya. Cyari inkuru y’umuhungu w’igiturage wakuze akaba umukinnyi w’umupira w’amaguru uzwi hose. Tomasi yasomeye Magozwe iyo nkuru unshuro nyinshi, kugeza umunsi umwe yavugaga, “Ntekereza ko ari igihe ujya mu ishuli ukiga gusoma. Uratekereza iki?” Tomasi yasobanuye ko yarazi ahantu abana bashobora kuba, bakanajya kw’ishuli.

Magozwe yatekereje kuri aho hantu hashya, no kujya ku ishuli. Nyirarume abaye ari mukuri ko ari ikigoryi atakiga ikintu nakimwe? Babaye bazamukubitira aha hantu hashya? Yari afite ubwoba.”bishoboke go aribyiza kuguma uba ku muhanda,” Yaratekereje.

Yasangije Tomasi ubwoba bwe. Uko igihe cyagiye umugabo yabashije guhumuriza umuhungu ko ubuzima buza bwiza muri aho hantu hashya.

Nuko Magozwe yamukiye mu icyumba cy’inzu y’igisenge cy’ubururu. Yafatanyaga icyumba n’abandi bahungu babiri. Bose hamwe hari abana icumi babaga muri iyonzu. Hamwe na Auntie Cissy n’umugabo we, ibwa eshatu, ipusi, n’ihene ishaje.

Magozwe yatangiye ishuli kandi ryari rikomeye. Yarafite byinshi byo kugeraho. Akenshi yashakaga kubireka. Ariko yatekerezaga ku umupirote n’umukinnyi w’amapira w’amaguru mu igito cy’inkuru. Nkabo, ntiyigeze abireka/ ateshukwa.

Magozwe yari yicaye mu imbuga ku inzu y'urusenge rw'ubururu, asoma igitabo cyavuye kw'ishuli. Tomasi yaraje yicara iruhande rwe. "Iyo nkuru icyanye n'iki?" Tomas yarabajije. "ijyanye n'umwana waje kuba umwarimu." Magozwe yarasubije. "Izinarye ry'umuhungu ni irihe?" Tomas yarabajije. "Izina rye ni Magozwe." Magozwe waravuze n'inseko

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Magozwe


Lesley Koyi
Wiehan de Jager
Patrick Munyurangabo


CC BY